Umuntu wese utumiza, ukora, ukoresha, utwara, ugura n'ugurisha intambi zikoreshwa mu mirimo y'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro atabifitiye icyemezo ahanishwa igifungo kuva ku mwaka umwe (1) kugeza ku myaka itatu (3) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni imwe (1.000.000) kugeza kuri miliyoni eshanu (5.000.000).

Ingingo ya 444: Kutemerera ubuyobozi kugera ahakorerwa imirimo yo gushakashaka no gucukura amabuye y'agaciro cyangwa kariyeri

Article 442: Displacement and destruction of mineral demarcation

Any person who displaces or destroys mineral demarcation of mineral exploration and mining area shall be liable to a fine of one hundred thousand (100,000) to one million (1,000,000) Rwandan francs.

Article 443: Import, manufacture, use, transport, purchase and sale of dynamites without authorization

Any person who imports, manufactures, uses, transports, purchases and sells dynamites used in mining without authorization shall be liable to a term of imprisonment of one (1) year to three (3) years and a fine of one million (1,000,000) to five million (5,000,000) Rwandan francs.

Article 444: Refusing authority access to mining or quarry exploration and exploitation area

avec irrégularité est passible d'une amende de cent mille (100.000) à un million (1.000.000) de francs rwandais.

Article 442: Déplacement et destruction des bornes en matière de mines

Toute personne qui déplace ou détruit des bornes du périmètre de prospection ou d'exploitation minière est passible d'une amende de cent mille (100.000) à un million (1.000.000) de francs rwandais.

Article 443: Importation, fabrication, utilisation, transport, achat et vente des dynamites sans autorisation

Toute personne faisant l'importation, la fabrication, l'utilisation, le transport, l'achat et la vente de dynamites pour les travaux d'exploitation minière sans autorisation y relative est passible d'un emprisonnement d'un (1) an à cinq (5) ans et d'une amende d'un million (1.000.000) à cinq millions (5.000.000) de francs rwandais.

Article 444: Refus à l'administration de visiter les lieux des travaux de prospection et d'exploitation des mines ou des

Umuntu wese ufite uruhushya rwo gukora ubushakatsi n'ubucukuzi utemerera ubuyobozi bubifitiye ububasha kugera ahakorera imirimo yo gushakashaka no gucukura amabuye y'agaciro cyangwa kariyeri ahanishwa ihazabu ingana n'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi magana atanu (500.000) kugeza kuri miliyoni eshanu (5.000.000).

Ingingo ya 445: Ingingo rusange ku byaha bikorerwa mu bucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri

Haseguriwe ibihano birushijeho gukomera biteganyijwe muri iri tegeko ngenga, iyo kudakurikiza tekinike zabugenewe mu bushakashatsi n'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri byateje urupfu, uwakoze icyaha ahanishwa igifungo cya burundu.

INTERURO YA III: IBYAHA BIKORERWA IGIHUGU

UMUTWE WA MBERE: IBYAHA BIHUNGABANYA LETA

Icyiciro cya mbere: Ibyaha bihungabanya umudendezo wa Leta n'ibindi bihugu, ibyaha by'ubugambanyi n'iby'ubutasi

Any person with mining and quarry exploitation licence who refuses competent authority access to mining or quarry exploration and exploitation area shall be liable to a fine of five hundred thousand (500,000) to five million (5,000,000) Rwandan francs.

Article 445: Common provision applicable to mining and quarry exploitation offences

Subject to more severe penalties under this Organic Law, if the use of inappropriate techniques in mining and quarry exploration and exploitation results in death, the offender shall be liable to life imprisonment.

TITLE III: OFFENCES AGAINST THE STATE

CHAPTER ONE: OFFENCES AGAINST STATE SECURITY

Section One: Offences against external State security, treason and espionage

carrières

Toute personne jouissant d'un agrément en matière de prospection et d'exploitation des mines et des carrières qui refuse à l'administration compétente l'accès aux lieux des travaux de prospection et d'exploitation des mines ou des carrières est passible d'une amende de cinq cent mille (500.000) à cinq millions (5.000.000) de francs rwandais.

Article 445: Disposition commune aux infractions commises dans le cadre de l'exploitation des mines et carrières

Sous réserve des peines plus sévères prévues par la présente loi organique, lorsque le non respect des techniques appropriées de prospection et d'exploitation des mines et carrières cause la mort, l'auteur est passible d'un emprisonnement à perpétuité.

TITRE III : INFRACTIONS CONTRE LA CHOSE PUBLIQUE

CHAPITRE PREMIER: INFRACTIONS CONTRE LA SURETE DE L'ETAT

Section première: Infractions contre la sûreté extérieure de l'Etat, de trahison et d'espionnage

Ingingo ya 446: Ubugambanyi

Umunyarwanda wese:

- 1° ukoresha iterabwoba rikomeye, ukoresha imvururu, igitero cyitwaje intwaro cyangwa gukangisha kugira nabi, ashaka komeka u Rwanda cyangwa igice cyarwo ku gihugu cy'amahanga;
- 2° ugerageza gushyira Repubulika y'u Rwanda cyangwa igice cyayo mu bucakara bw'igihugu cy'amahanga;
- 3° urwanya Repubulika y'u Rwanda akoresheje intwaro z'intambara;

aba akoze icyaha cy'ubugambanyi kandi ahanishwa igifungo kuva ku myaka makumyabiri (20) kugeza ku myaka makumyabiri n'itanu (25).

Ingingo ya 447: Kumena ibanga rya Leta

Kumena ibanga rya Leta ubishaka, ku buryo ubwo ari bwo bwose, bigendereye kugirira nabi Repubulika y'u Rwanda, byitwa icyaha cy'ubugambanyi bw'igihugu iyo bigizwe n'Umunyarwanda, cyangwa icyaha cy'ubutasi iyo bigizwe n'umunyamahanga.

Article 446: Treason

Any Rwandan who :

- 1° through terrorism, subversion, armed force or threat of violence, undertakes to incorporate the national territory or part of it to a foreign power;
- 2° undertakes to totally or partially place the Republic of Rwanda under foreign domination;
- 3° wages war against the Republic of Rwanda using war arms;

commits an offence of treason and shall be liable to a term of imprisonment of twenty (20) years to twenty five (25) years.

Article 447: Revelation of State secrets

The intentional revelation of State secret in any form and by any means with the intention to use such secrets against the interests of the Republic of Rwanda, constitutes an offence of treason against one's homeland where the offence is committed by a Rwandan, or

Article 446: Trahison

Tout Rwandais qui :

- 1° par le terrorisme, la subversion, la force armée ou la menace de violence, entreprend d'incorporer le territoire ou une partie du territoire national à celui d'une puissance étrangère;
- 2° entreprend de placer, totalement ou partiellement, la République du Rwanda sous une domination étrangère ;
- 3° porte les armes contre la République du Rwanda.

commet un crime de trahison, et est passible d'un emprisonnement de vingt (20) ans à vingt cinq (25) ans.

Article 447: Violation du secret d'Etat

Le fait de publier ou de livrer intentionnellement, sous quelque forme et par quelque moyen que ce soit, un secret d'Etat en vue de nuire aux intérêts de la République du Rwanda, constitue une

espionage by a foreigner.

Ingingo ya 448: Igisobanuro cy'amabanga ya Leta

Muri iri tegeko ngenga, amabanga ya Leta ni igikorwa n'ibintu byose, ubumenyi, inyandiko izo ari zo zose aho zaba ziri hose cyangwa ibisobanuro bibujijwe guhishurirwa Leta y'amahanga cyangwa izindi nzego zayo izo ari zo zose cyangwa abakozi bayo kubera akamaro ko kurengera igihugu.

Ingingo ya 449: Ibyaha bifatwa nk'ubugambanyi cyangwa ubutasi n'ibihano byabyo

Umuntu wese:

- 1° umena ibanga rya Leta ku bushake bwe;
- 2° ushakisha ibanga rya Leta akaribona, abigiriye kurimena;
- 3° wangiza ikintu cyose kibitsweho ibanga rya Leta cyangwa ureka undi akacyangiza, agamije gushyira imbere inyungu z'ikindi gihugu;
- 4° ufite uburenganzira bwo kumenya

Article 448: Definition of State secret

For the purposes of this Organic Law, State secrets means all facts, objects, knowledge, writings, or information which must not be revealed to a foreign government, institution or any of their employees in the interest of national defence.

Article 449: Offences deemed as treason or espionage and their penalties

Any person who:

- 1° voluntarily reveals a state secret;
- 2° accesses a state secret with a view to reveal it;
- 3° destroys or allows another person to destroy anything that contains a state secret with intent to favour a foreign country;
- 4° entitled to have access to state secret

infraction de trahison envers la patrie s'il est commis par un Rwandais, ou d'espionnage s'il est commis par un étranger.

Article 448: Définition du secret d'Etat

Sont des secrets d'Etat, au sens de la présente loi organique, tous les actes et faits, connaissances, écrits quels qu'ils soient et où qu'ils soient, ou les renseignements interdits de révéler à un gouvernement ou à une institution étrangère ou à leurs agents dans l'intérêt de la défense nationale.

Article 449: Infractions qualifiées de trahison ou d'espionnage et leurs peines

Toute personne qui:

- 1° intentionnellement livre un secret d'Etat;
- 2° se procure un secret d'Etat en vue de le livrer;
- 3° détruit ou laisse détruire un objet quelconque qui porte un secret d'Etat en vue de favoriser les intérêts d'une puissance étrangère;

Official Gazette n° Special of 14 June 2012

ibanga rya Leta akarikoresha mu buryo bunyuranyije n'amategeko;	and uses it contrary to the law;	4° habilitée à connaître le secret d'Etat, l'utilise d'une façon illégale;
5° umenera utabigenewe ku bwende bwe, ibanga rya Leta yaheshejwe cyangwa yamenyeshejwe ku bw'umurimo ashinzwe cyangwa inshingano yahawe;	5° voluntarily reveals a state secret that he/she knows in the course of his/her duties or functions, to any person not qualified;	5° volontairement révèle à une personne non habilitée à le recevoir un secret d'Etat dont il a eu connaissance par ses fonctions ou ses attributions ;
6° ugirana, unoza cyangwa ukomeza umubano na Leta y'amahanga, umutwe wa politiki, umuryango, inzego za Leta byo mu mahanga cyangwa akawugirana n'ubakorera ashaka kumena amabanga ya Leta;	6° establishes, keeps or maintains relations with a foreign State, political organization, association, foreign institution or any person working for them, with a purpose to communicate State secrets;	6° établit, entretient ou maintient avec un Etat étranger, une formation politique, une association, des institutions publiques étrangers ou une personne travaillant pour leur compte, des relations ayant pour but la révélation des secrets d'Etat ;
7° ukora ibikorwa by'ubugambanyi agambiriye kugirira nabi ubwirengere bwa Leta y'u Rwanda, umubano wayo n'amahanga cyangwa ubukungu shingiro bw'igihugu;	7° commits acts of treason with an intent to undermine national defence, diplomatic relations and essential economic interests of the Republic of Rwanda;	7° commet des actes de trahison dans l'intention de nuire à la défense nationale de l'Etat Rwandais, à ses relations diplomatiques ou à ses intérêts économiques essentiels ;
aba akoze icyaha cy'ubugambanyi cyangwa cy'ubutasi kandi ahanishwa, mu gihe cy'intambara, igifungo kuva ku myaka makumyabiri (20) kugeza ku myaka makumyabiri n'itanu (25), mu gihe cy'amahoro, agahanishwa igifungo kuva ku myaka icumi (10) kugeza ku myaka cumi n'itanu (15).	commits an offence of treason or espionage and shall be liable to a term of imprisonment of twenty (20) years to twenty five (25) years in wartime and in peacetime, the penalty shall be an imprisonment of ten (10) years to fifteen (15) years.	commet une infraction de trahison ou d'espionnage et est passible, en temps de guerre, d'un emprisonnement de vingt (20) ans à vingt cinq (25) ans et en temps de paix d'un emprisonnement de dix (10) ans à quinze (15) ans.
Iyo kumena ibanga rya Leta bigizwe	If the revelation of the State secret is done by	

n'uvugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, atabigiriye ubugambanyi cyangwa ubutasi ariko abitewe n'ububuraburyo, ubushishozi buke cyangwa uburangare, igihano kiba mu gihe cy'intambara, igifungo kirenze imyaka itanu (5) kugeza ku myaka irindwi (7). Mu gihe cy'amahoro, ahanishwa igifungo kuva ku mwaka umwe (1) kugeza ku myaka itatu (3).

Ingingo ya 450: Kunoza umubano na Leta z'amahanga bigiriwe gushoza intambara

Umuntu wese ugirana, unoza cyangwa ukomeza umubano na Leta cyangwa inzego za Leta byo mu mahanga cyangwa abakozi babyo, abigiriye gushoza cyangwa gushyigikira intambara, igitero cyangwa ibikorwa bikomeye birwanya Repubulika y'u Rwanda, ahanishwa, mu gihe cy'intambara, igifungo cya burundu. Mu gihe cy'amahoro, ahanishwa igifungo kuva ku myaka cumi n'itanu (15) kugeza ku myaka makumyabiri n'itanu (25).

Ingingo ya 451: Ikwiza ry'impuha zigamije kwangisha Leta y'u Rwanda mu bihugu by'amahanga

Umuntu wese ukwiza impuha agamije kwangisha Leta y'u Rwanda mu bihugu

the person referred to under Paragraph One of this Article with no intention to commit treason or espionage but only by clumsiness, carelessness or negligence, in wartime, the penalty shall be imprisonment of more than five (5) years to seven (7) years, while in peacetime, the penalty shall be imprisonment of one (1) year to three (3) years.

Article 450: Keeping relations with foreign governments with intent to wage war

Any person who establishes, keeps or maintains relations with foreign institutions or countries or their agents with intent to cause or wage war, an armed conflict or violent measures against the Republic of Rwanda, shall be liable to life imprisonment in wartime, and to a term of imprisonment of fifteen (15) years to twenty five (25) years in peacetime.

Article 451: Spreading false information with intent to create a hostile international opinion against the Rwandan State

Any person who spreads false information with intent to create a hostile international

Si la violation du secret d'Etat par la personne visée à l'alinéa premier du présent article a été faite sans intention de trahison ou d'espionnage mais seulement par maladresse, inattention ou négligence, la peine est, en temps de guerre, d'un emprisonnement de plus de cinq (5) ans à sept (7) ans, et, en temps de paix, d'un emprisonnement d'un (1) an à trois (3) ans.

Article 450: Entretenir des relations avec les gouvernements étrangers en vue de provoquer une guerre

Toute personne qui, dans l'intention de provoquer ou d'encourager une guerre, une entreprise armée ou des mesures violentes contre la République du Rwanda, établit, entretient ou maintient des relations avec un gouvernement ou des institutions étrangers ou avec leurs agents, est passible, en temps de guerre d'un emprisonnement à perpétuité, en temps de paix, d'un emprisonnement de quinze (15) ans à vingt cinq (25) ans.

Article 451: Propagation des affirmations mensongères en vue de provoquer l'hostilité de l'opinion internationale vis-à-vis de l'Etat Rwandais

by'amahanga, ahanishwa, mu gihe cy'antambara, igifungo cya burundu; mu gihe cy'amahoro igifungo kuva ku myaka irindwi (7) kugeza ku myaka icumi (10).

Ingingo ya 452: Ikurikiranwa ry'ibyaha bivugwa mu ngingo ya 447, iya 449, iya 450 n'ya 451

Ibyaha byavuzwe mu ngingo ya 447, iya 449, iya 450 n'ya 451 z'iri tegeko ngenga bikurikiranwa biregewe cyangwa bitangiwe uruhushya n'Umushinjacyaha Mukuru cyangwa Umushinjacyaha Mukuru wa Gisirikare hakurikijwe imiterere y'icyaha.

Ingingo ya 453: Ishyirwa mu maboko y'amahanga ifasi, ingabo cyangwa ibikoresho by'intambara

Umuntu wese:

1° ushyira mu maboko y'ubutegetsi bw'amahanga cyangwa ababukorera, ingabo, ifasi, imijyi, ingerero, ibyubakiwe intambara, ibigo, amangazini, uruganda n'ububiko bw'intwari, ibikoresho, amasasu,

opinion against the Rwandan State shall be liable to life imprisonment during wartime, and in peacetime, to imprisonment of seven (7) years to ten (10) years.

Article 452: Legal action against offences provided in Articles 447, 449, 450 and 451

Legal action against offences mentioned under Articles 447, 449, 450 and 451 of this Organic Law shall be instituted upon complaint or on the authorization of the Prosecutor General or the Military Prosecutor General, depending on the case.

Article 453: Handing over of territories, troops or arsenals to a foreign country

Any person who:

1° hands over to a foreign country or its agents, troops, territories, towns, forts, works, posts, shops, military industries, arsenal, materials, ammunitions, ships, buildings or air navigation machines belonging to the

Toute personne qui, en vue de provoquer l'hostilité de l'opinion internationale vis-à-vis de l'Etat Rwandais, propage des affirmations mensongères, est passible, en temps de guerre, d'un emprisonnement à perpétuité et, en temps de paix, d'un emprisonnement de sept (7) ans à dix (10) ans.

Article 452: Poursuite des infractions visées aux articles 447, 449, 450 et 451

Les infractions visées aux articles 447, 449, 450 et 451 de la présente loi organique ne sont poursuivies que sur plainte ou sur autorisation du Procureur Général ou de l'Auditeur Général Militaire selon le cas.

Article 453: Mise à la disposition d'une puissance étrangère des territoires, des troupes ou des arsenaux de guerre

Toute personne qui:

1° met à la disposition d'une puissance étrangère ou de ses agents, soit des troupes, soit des territoires, villes, forteresses, constructions de guerre, postes, magasins, industries

amato, amazu cyangwa indege, ibikoresho byo kugendera mu kirere bya Leta y'u Rwanda cyangwa byagenewe kuyirwanirira;

Republic of Rwanda or meant for its defence;

militaires et arsenaux, matériels, munitions, bateaux, bâtiments ou appareils de navigation aérienne, appartenant à l'Etat Rwandais ou affectés à sa défense ;

2° usenya cyangwa wiba ubwato, indege, ibikoresho byo kugendera mu kirere, ingemu, amazu cyangwa imashini izo ari zo zose cyangwa ubyangije ku buryo bitera amakuba, agamije gutambamira ubwirengere bw'igihugu;

2° destroys or hijacks a ship, a plane, air navigation machines, military supplies, buildings or any machines or damages them which leads to an accident in order to sabotage national defence;

2° détruit ou détourne un bateau, un avion, des appareils de navigation aérienne, des fournitures, des bâtiments ou des machines quelconques ou qui les endommage ne manière à provoquer un accident, en vue de nuire à la défense nationale;

ahanishwa, mu gihe cy'intambara, igifungo kuva ku myaka makumyabiri (20) kugeza ku myaka makumyabiri n'itanu (25) mu gihe cy'amahoro, agahanishwa igifungo kuva ku myaka icumi (10) kugeza ku myaka cumi n'itanu (15).

shall be liable to a term of imprisonment of twenty (20) years to twenty five (25) years, in wartime, and in peacetime, to a term of imprisonment of ten (10) years to fifteen (15) years.

est passible, en temps de guerre, d'un emprisonnement de vingt (20) ans à vingt cinq (25) ans et en temps de paix, d'un emprisonnement de dix (10) ans à quinze (15) ans.

Ingingo ya 454: Koshya ingabo z'u Rwanda kurwanirira igihugu cy'amahanga

Article 454: Inducing Rwanda Defence Forces to serve a foreign country

Article 454: Incitation des Forces Rwandaises de Défense à passer au service d'une puissance étrangère

Umuntu wese:

Any person who:

Toute personne qui :

1° woshya ingabo z'u Rwanda kurwanirira igihugu cy'amahanga, uzifasha kujyayo cyangwa ushakira abasirikare igihugu kirwana na Leta y'u Rwanda;

1° induces Rwanda Defence Forces to serve a foreign country, facilitates or recruits them for a foreign country at war with the Republic of Rwanda;

1° incite les Forces Rwandaises de Défense à passer au service d'une puissance étrangère, leur en facilite les moyens ou fait des enrôlements

<p>2° wumvikana n'igihugu cy'amahanga cyangwa abakozi bacyo agira ngo agifashe mu mirwano gifitanye na Leta y'u Rwanda;</p>	<p>2° cooperates with a foreign country or its agents in view of favouring the undertakings of this country against the Republic of Rwanda;</p>	<p>pour une puissance étrangère en guerre avec la République du Rwanda ; 2° entretient des intelligences avec une puissance étrangère ou avec ses agents en vue de favoriser les entreprises de cette puissance contre la République du Rwanda;</p>
<p>3° ukora igikorwa abizi gica intege ingabo z'u Rwanda cyangwa abaturage bacyo, ashaka gutambamira ubwirengere bw'igihugu;</p>	<p>3° knowingly participates in a campaign to demoralise Rwanda Defence Forces or the population with intent to undermine national defence;</p>	<p>3° participe sciemment à une entreprise de démoralisation des Forces Rwandaises de Défense ou de la population avec l'intention de nuire à la défense nationale;</p>
<p>ahanishwa, mu gihe cy'intambara, igifungo kuva ku myaka makumyabiri (20) kugeza ku myaka makumyabiri n'itanu (25) mu gihe cy'amahoro agahanishwa igifungo kuva ku myaka icumi (10) kugeza ku myaka cumi n'itanu (15).</p>	<p>shall be liable to a term of imprisonment of twenty (20) years to twenty five (25) years in wartime and in peacetime, to a term of imprisonment of ten (10) years to fifteen (15) years.</p>	<p>est passible d'un emprisonnement de vingt (20) ans à vingt cinq (25) ans en temps de guerre et en temps de paix, d'un emprisonnement de dix (10) ans à quinze (15) ans.</p>
<p><u>Ingingo ya 455:</u> Gutuma u Rwanda rugirana intambara n'ikindi gihugu</p>	<p><u>Article 455:</u> Exposing the Republic of Rwanda to hostility of a foreign country</p>	<p><u>Article 455:</u> Exposition de la République du Rwanda à des hostilités de la part d'une puissance étrangère</p>
<p>Umuntu wese:</p>	<p>Any person who:</p>	<p>Toute personne qui:</p>
<p>1° ukora ibikorwa bitemewe na Leta, agatuma u Rwanda rugirana intambara n'igihugu cy'amahanga;</p>	<p>1° by hostile acts not approved by the Government, exposes the Republic of Rwanda to hostility of a foreign country;</p>	<p>1° par des actes hostiles non approuvés par le Gouvernement, expose la République du Rwanda à des hostilités de la part d'une puissance étrangère ;</p>
<p>2° ukora ibikorwa bitemewe na Leta,</p>	<p>2° by his/her acts not approved by the</p>	

agatuma bigira ingaruka mbi kuri Leta y'u Rwanda;

ahanishwa, mu gihe cy'intambara, igifungo kuva ku myaka icumi (10) kugeza ku myaka cumi n'itanu (15), mu gihe cy'amahoro, agahanishwa igifungo kirenze imyaka itanu (5) kugeza ku myaka icumi (10).

Ingingo ya 456: Itangwa n'iyemerwa ry'ikiguzi kugira ngo uteze intambara mu Rwanda

Umuntu wese utanga ikiguzi cyangwa ugisezeranya kugira ngo hakorwe ibyaha biteganyijwe mu ngingoya 455 y'iri tegeko ngenga, uwemera icyo kiguzi cyangwa ayo masezerano, ahanishwa, mu gihe cy'intambara igifungo kuva ku myaka icumi (10) kugeza ku myaka cumi n'itanu (15) mu gihe cy'amahoro, agahanishwa igifungo kirenze imyaka itanu (5) kugeza ku myaka icumi (10).

Ingingo ya 457: Ibangamira ry'ubwirengere bw'igihugu

Umuntu wese, mu gihe cy'intambara, ukora abizi, igikorwa gishobora kubangamira ubwirengere bw'igihugu ahanishwa igifungo kuva ku myaka irindwi (7) kugeza ku myaka icumi (10).

Government, exposes the Republic of Rwanda to reprisals;

shall be liable to imprisonment of ten (10) years to fifteen (15) years in wartime, and in peacetime, to a term of imprisonment of more than five (5) years to ten (10) years.

Article 456: Offering and accepting a price with intent to cause hostilities in Rwanda

Any person who offers or promises to offer a price with intent to commit offences under Article 455 of this Organic Law, accepts a price or a promise, shall be liable, during wartime, to a term of imprisonment of ten (10) years to fifteen (15) years and in peacetime, to a term of imprisonment of more than five (5) years to ten (10) years.

Article 457: Undermining national defence

Any person who, during wartime, knowingly commits any act likely to undermine national defence shall be liable to a term of imprisonment of seven (7) years to ten (10) years.

2° par des actes non approuvés par le Gouvernement, expose la République du Rwanda à des représailles ;

est passible, en temps de guerre, d'un emprisonnement de dix (10) ans à quinze (15) ans, et en temps de paix, d'un emprisonnement de plus de cinq (5) ans à dix (10) ans.

Article 456: Offre et acceptation d'un prix aux fins de provoquer les hostilités au Rwanda

Toute personne qui offre ou propose un prix aux fins de commettre les infractions prévues à l'article 455 de la présente loi organique, qui accepte cette offre ou cette proposition, est passible, en temps de guerre, d'un emprisonnement de dix (10) ans à quinze (15) ans et en temps de paix, d'un emprisonnement de plus de cinq (5) ans à dix (10) ans.

Article 457: Nuire à la défense nationale

Toute personne qui, en temps de guerre, accomplit sciemment un acte susceptible de nuire à la défense nationale, est passible d'un emprisonnement de sept (7) ans à dix (10) ans.

Ingingo ya 458: Ihanwa ry'ibyaha byakorewe ibihugu bifatanyije n'u Rwanda kurwanya umwanzi

Iyo ibikorwa bivugwa muri iki cyiciro byakorewe ibihugu by'inshuti za Leta y'u Rwanda bifatanyije na yo kurwanya umwanzi rusange bihanishwa ibihano bimwe nk'aho byakorewe u Rwanda.

Ingingo ya 459: Irema ry'umutwe w'ingabo bitemewe

Umuntu wese urema umutwe w'ingabo cyangwa akabisembura cyangwa akagirana amasezerano na zo, abikoresheje impano, igihembo, iterabwoba, igitugu, abigirira gushyigikira igitero cy'intambara cy'ingabo zindi zitari izemewe z'igihugu, ahanishwa igifungo kuva ku myaka icumi (10) kugeza ku myaka cumi n'itanu (15).

Umuntu wese wemera, ku bushake, kwinjira cyangwa gutorerwa kujya mu ngabo zitari ingabo zemewe z'igihugu, ahanishwa igifungo kuva ku myaka irindwi (7) kugeza ku myaka icumi (10).

Ibyaha bivugwa mu gika cya mbere n'icya kabiri by'iyi ngingo bikurikiranwa biregewe cyangwa bitangiwe uruhushya

Article 458: Penalty for offences committed against allies at war of the Republic of Rwanda

If the acts under this Section are committed against allies at war of the Republic of Rwanda, they shall be punished as if there are committed against the Republic of Rwanda.

Article 459: Formation of an irregular armed group

Any person who carries out recruitments or incites or makes an agreement with the armed group other than the regular forces of the State, by gifts, remuneration, threats, abuse of authority or power shall be liable to a term of imprisonment of ten (10) years to fifteen (15) years.

Any person who, willingly, engages or is recruited in an army other than the regular force of the State, shall be liable to a term of imprisonment of seven (7) years to ten (10) years.

Legal action against offences under Paragraphs One and 2 of this Article shall be instituted only upon complaint or

ans.

Article 458: Répression des infractions commises à l'encontre des alliés du Rwanda

Si les actes spécifiés à la présente section sont commis envers les alliés de l'Etat Rwandais agissant contre l'ennemi commun, ils sont punissables des mêmes peines que celles applicables aux actes commis envers l'Etat Rwandais.

Article 459: Formation d'une force armée irrégulière

Toute personne qui par dons, rémunérations, menaces, abus d'autorité ou de pouvoir, fait des recrutements ou provoque ou conclut des engagements avec des groupes armés au profit d'une force armée autre que l'armée régulière d'un Etat, est passible d'un emprisonnement de dix (10) ans à quinze (15) ans.

Toute personne qui, volontairement, accepte d'être engagé ou recruté au profit d'une force armée autre que l'armée régulière de l'Etat, est passible d'un emprisonnement de sept (7) ans à dix (10) ans.

Les infractions visées aux alinéas premiers et 2 du présent article ne sont poursuivies

n'Umushinjacyaha Mukuru cyangwa Umushinjacyaha Mukuru wa Gisikare hakurikijwe imiterere y'icyaha.

authorisation of the Prosecutor General or the Military Prosecutor General depending on the case.

que sur plainte ou autorisation du Procureur Général ou de l'Auditeur Général Militaire selon le cas.

Icyiciro cya 2: Ibyaha bivutsa umudendeze mu gihugu

Section 2: Offences against internal State security

Section 2: Infractions contre la sûreté intérieure de l'Etat

Ingingo ya 460: Gukora igikorwa kigamije guhindura Itegeko Nshinga

Article 460: Committing an act meant to amend the Constitution

Article 460: Commettre un acte tendant à réviser la Constitution

Umuntu wese ukora igikorwa kigamije guhindura Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda, mu buryo butemewe n'amategeko, ahanishwa igifungo kuva ku myaka irindwi (7) kugeza ku myaka icumi (10).

Any person who commits an act meant to unlawfully amend the Constitution of the Republic of Rwanda shall be liable to a term of imprisonment of seven (7) years to ten (10) years.

Toute personne qui commet un acte tendant à réviser illégalement la Constitution de la République du Rwanda est passible d'un emprisonnement de sept (7) ans à dix (10) ans.

Ingingo ya 461: Icyaha cyo kugirira nabi ubutegetsu buriho cyangwa Perezida wa Repubulika

Article 461: Offence against the established Government or the President of the Republic

Article 461: Infraction contre le Pouvoir établi ou le Président de la République

Umuntu wese:

Any person who:

Toute personne qui:

1° ukora icyaha cyo kugirira nabi ubutegetsu buriho cyangwa cyo kubuhirika akoresheje intambara cyangwa izindi mbaraga zose ;

1° uses armed forces or any other violence in order to undermine or overthrow established Government;

1° recourt à la force armée ou à toute autre violence en vue de porter atteinte au Pouvoir établi ou de le renverser;

2° ukora, muri iyo migambi ivugwa mu gaka ka 1°k'ikigika, icyaha kigamije kugirira nabi Perezida wa Repubulika ;

2° subject to item 1° of this Paragraph harms the Head of State;

2° porte atteinte à la personne du Chef de l'Etat dans les mêmes buts visés au point 1° du présent alinéa;

ahanishwa igifungo cya burundu.

Ingingo ya 462: Ubugambanyi ku cyaha cyo kugirira nabi ubutegetsi buriho cyangwa Perezida wa Repubulika

Umuntu wese ukora ubugambanyi bugamije ibyaha bivugwa mu ngingoya 461 y'iri tegeko ngenga, ahanishwa igifungo kuva ku myaka makumyabiri (20) kugeza ku myaka makumyabiri n'itanu (25), niba hari icyakozwe icyo ari cyo cyose gitegura ubwo bugambanyi.

Iyo habayeho ubwoshye bw'ubugambanyibuvugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, ariko ntibwemerwe, uwoheje ahanishwa igifungo kuva ku myaka cumi n'itanu (15) kugeza ku myaka makumyabiri (20).

Ingingo ya 463: Guteza imvururu cyangwa imidugararo muri rubanda

Umuntu wese, witwaza, ari disikuru avugiye mu nama cyangwa mu giterane, ari inyandiko z'ubwoko bwose, amashusho cyangwa ibimenyetso by'amoko yose, bimanitswe, bitanzwe, biguzwe cyangwa bigurishijwe cyangwa bishyizwe mu maso ya rubanda, uwamamaza nkana ibihuha

shall be liable to life imprisonment.

Article 462: Conspiracy against the established Government or the President of the Republic

Any person who conspires to commit offences under Article 461 of this Organic Law shall be liable to a term imprisonment of twenty (20) years to twenty five (25) years if any act has been committed in preparation to executing the offence.

If any incitement to conspire to commit offences under Paragraph One of this Article but not agreed upon, the person who incites, shall be liable to a term of imprisonment of fifteen (15) years to twenty (20) years.

Article 463: Inciting insurrection or trouble amongst the population

Any person who, by speeches held in meetings or public places, or writings, images or emblems, any posters, sold or on sale or displayed to the public, knowingly spreads rumours, excites the population against established Government, or incites or attempts to incite citizens against each other

est passible d'un emprisonnement à perpétuité.

Article 462: Complot à l'attentat au Pouvoir établi ou au Président de la République

Toute personne qui complot dans le but de commettre les infractions visées à l'article 461 de la présente loi organique est passible d'un emprisonnement de vingt (20) ans à vingt cinq (25) ans si un acte quelconque a été commis pour en préparer l'exécution.

S'il y a eu incitation au complot mentionné à l'alinéa premier du présent article mais non agréée, l'auteur de l'incitation est passible d'un emprisonnement de quinze (15) ans à vingt (20) ans.

Article 463: Provocation du soulèvement ou des troubles de la population

Toute personne qui, soit par des discours tenus dans des réunions ou lieux publics, soit par des écrits de toute nature, des images ou emblèmes quelconques, affichés, distribués, achetés ou mis en vente ou exposés aux regards du public, soit en répandant

akagomesha cyangwa akagerageza kugomesha rubanda arwangisha ubutegetsu buriho, agatera cyangwa akagerageza guteza imvururu mu baturage ashaka ko basubiranamo, agatera rubanda intugunda ashaka kubyutsa imidugararo muri Repubulika y'u Rwanda, ahanishwa igifungo kuva ku myaka icumi (10) kugeza ku myaka cumi n'itanu (15).

Ingingo ya 464: Kurwanya ububasha bw'amategeko

Umuntu wese urwanya ububasha bw'amategeko cyangwa akoshya kuburwanya, abigiriye ubugome kandi mu ruhame, ahanishwa igifungo kirenze imyaka itanu (5) kugeza ku myaka irindwi (7).

Ibihano bivuzwe mu gikacya mbere cy'iyi ngingo, bikubwa kabiri iyo uko koshya kwagize ingaruka mbi.

Ingingo ya 465: Kuyogoza igihugu, kwica bitsemba cyangwa gusahura

Icyaha cyo kugerageza kuyogoza igihugu, kwica bitsemba imbaga cyangwa gusahura, gihanishwa igifungo kuva ku myaka cumi n'itanu (15) kugeza ku myaka makumyabiri n'itanu (25).

or attempts to alarm the population with intention to cause trouble on the national territory of the Republic of Rwanda, shall be liable to a term of imprisonment of ten (10) years to fifteen (15) years.

Article 464: Offence of disobeying enforcement of law

Any person who, maliciously and publicly undermines the enforcement of law or directly incites people to disobey it, shall be liable to a term of imprisonment of more than five (5) years to seven (7) years.

The penalties under Paragraph One of this Article shall be doubled if the incitement results into harm.

Article 465: Serial crime, massacre or looting

Serial crime, massacre or looting shall be punishable by imprisonment of fifteen (15) years to twenty five (25) years.

sciemment de faux bruits, excite ou tente d'exciter la population contre le Pouvoir établi, soulève ou tente de soulever les citoyens les uns contre les autres, alarme la population dans l'intention de semer les troubles sur le territoire de la République du Rwanda, est passible d'un emprisonnement de dix (10) ans à quinze (15) ans.

Article 464: Attaque à la force obligatoire des lois

Toute personne qui, méchamment et publiquement, attaque la force obligatoire des lois ou incite directement à y désobéir, est passible d'un emprisonnement de plus de cinq (5) ans à sept (7) ans.

Les peines prévues à l'alinéa premier du présent article sont portées au double si l'incitation a été suivie d'effet nuisible.

Article 465: Dévastation, massacre ou pillage

L'attentat ayant pour but de porter la dévastation, le massacre ou le pillage, est passible d'un emprisonnement de quinze (15) ans à vingt cinq (25) ans.

Ubugambanyi bugamije ibyaha bivuzwe mu gika cya mbere cy'iyi ngingo buhanishwa igifungo kuva ku myaka icumi (10) kugeza ku myaka cumi n'itanu (15) niba hari icyakozwe gitegura imikorere y'icyo cyaha.

Iyo icyaha cy'imigambi mibi cyangwa ubwo bugambanyi bwavuyemo kwica abantu, uwakoze icyaha ahanishwa igifungo cya burundu.

Ingingo ya 466: Igihe ubugambanyi butangirira kubaho

Ubugambanyi buvugwa mu ngingo ya 462 n'ya 465 z'iri tegeko ngenga butangira kuba bwo igihe inama yo gukora icyaha ihuriweho kandi ikemezwa n'abantu babiri cyangwa benshi.

Ingingo ya 467: Kwigira umugaba w'igitero cy'abagome

Umuntu wese ushaka kwiba amafaranga y'igihugu, gutera ibigo, amangazini, uruganda n'ububiko bw'intwari, ibyambu, indege, amato, amazu cyangwa ibindi bintu bya Leta, ari ugusahura cyangwa kwigabagabanya ibintu by'igihugu, ari ugutera cyangwa kurwanya ingabo z'u Rwanda zihagurukira kurwanya inkosi

Conspiracy to commit offences mentioned under Paragraph One of this Article shall be punishable by imprisonment of ten (10) years to fifteen (15) years if any act has been carried out in preparation for their execution.

If the attempt or conspiracy causes death, the offender shall be liable to life imprisonment.

Article 466: Existence of conspiracy

Conspiracy under Articles 462 and 465 of this Organic Law starts when the resolution to act is concerted and decided upon by two (2) or more people.

Article 467: Leading a hostile group

Any person who, in order to take hold of public property, or invade posts, stores, arsenals, planes, ships, buildings or other property of the State, or loot or share public property, or attack or make a resistance against Rwanda Defence Forces acting against the offenders of such offences, leads any hostile group or performs any duties,

Le complot ayant pour but les infractions visées à l'alinéa premier du présent article est puni d'un emprisonnement de dix (10) ans à quinze (15) ans si un acte quelconque a été commis pour en préparer l'exécution.

Si l'attentat ou le complot a causé la perte de vies humaines, l'auteur est passible d'un emprisonnement à perpétuité.

Article 466: Début de l'existence du complot

Le complot prévu aux articles 462 et 465 de la présente loi organique commence dès que la résolution d'agir a été concertée et arrêtée par deux ou plusieurs personnes.

Article 467: Se mettre à la tête d'une bande hostile

Toute personne qui, soit pour s'emparer des deniers publics, soit pour envahir des postes, magasins, arsenaux, ports, avions, bateaux, bâtiments ou autres propriétés de l'Etat, soit pour piller ou se partager des propriétés publiques, soit pour faire attaque ou résistance envers les Forces Rwandaises de

z'ibyo byaha, akigira umugaba w'igitero cy'abagome cyangwa akakigiramo itegeko cyangwa umurimo uwo ari wo wose, ahanishwa igifungo kuva ku myaka icumi (10) kugeza ku myaka cumi n'itanu (15).

Ni nacyo gihano gihabwa uwayoboze agatsiko k'abo bagome, uwaremye imitwe ya bene ibyo bico, uwayiremesheje, uwayibwirije cyangwa uwayihaye amabwiriza.

Ingingo ya 468: Ibihano bihabwa uwafatiwe ahakorerwa inama y'ubwigomeke

Igihe icyaha giteganyijwe mu ngingo ya 461 y'iri Tegeko Ngenga kiba cyakozwe n'igitero, abantu bose bagize icyo gitero kandi baba bafatiwe ahakorerwa inama y'ubwo bwigomeke, n'aho baba batari mu buyobozi cyangwa ngo babe bafite umurimo bashinzwe muri icyo nama, bahanishwa igifungo kuva ku myaka cumi n'itanu (15) kugeza ku myaka makumyabiri (20).

Umuntu wese uyobora icyo gitero, ufite umurimo cyangwa ugira uruhare urwo ari rwo rwose mu butegetsi muri icyo gitero, n'aho yaba atafatiwe muri icyo gico, ahanishwa ibihano biteganyijwe mu gika cya mbere cy'iyi ngingo.

shall be liable to a term of imprisonment of ten (10) years to fifteen (15) years.

The same penalty shall apply to any person who leads an association, establishes, incites or organises or ordered organisation of hostile groups.

Article 468: Penalties for an individual caught in a seditious meeting

If the offence under Article 461 of this Organic Law is committed by a seditious group, all individuals taking part in the group and who are caught taking part in the seditious meeting, even if they are not in the leadership or do not exercise any role in the group shall be liable to a term of imprisonment of fifteen (15) years to twenty (20) years.

Any person who leads a seditious group or exercises in the same group any role or some other leadership even if he/she is not caught on the spot, shall be liable to the same penalty under Paragraph One of this Article.

Défense agissant contre les auteurs de ces infractions, se met à la tête de bandes hostiles ou y exerce un commandement ou une fonction quelconque, est passible d'un emprisonnement de dix (10) ans à quinze (15) ans.

La même peine s'applique à toute personne qui dirige l'association, crée ou fait créer, organise ou fait organiser une bande de ce genre.

Article 468: Peines applicable à un individu saisi sur le lieu d'une réunion séditionnelle

Lorsque l'infraction prévue à l'article 461 de la présente loi organique est commise par une bande, tous les individus faisant partie de la bande et qui sont saisis sur le lieu de la réunion séditionnelle, même s'ils n'y ont exercé aucun commandement ni emploi quelconque, sont passibles d'un emprisonnement de quinze (15) ans à vingt (20) ans.

Toute personne qui dirige une bande séditionnelle, ou exerce dans la même bande un emploi ou un commandement quelconque, même s'il n'a pas été saisi sur les lieux, est passible des peines prévues au premier alinéa

Ingingo ya 469: Kuba mu bagize inama cyangwa ibitero by'ubwigomeke

Uretse igihe inama y'ubwigomeke yari kuba igamije cyangwa se igambiriye gukora icyaha giteganyijwe mu ngingo ya 461 y'iri Tegeko Ngenga, abantu bagize ibitero bivugwa mu ngingo ya 467 n'ya 468 z'iri tegeko ngenakandi bagafatirwa mu gico, nta ruhare bagize mu buyobozi bwayo cyangwa se ngo bagiremo urundi ruhare, bahanishwa igifungo kuva ku myaka ibiri (2) kugeza ku myaka (5).

Ingingo ya 470: Guha icumbi cyangwa ubwihisho ibitero by'ubwigomeke

Umuntu wese umenya imigambi cyangwa amatwara y'ibitero by'ubwigomeke agaha inteko yabyo cyangwa imitwe yabyo amacumbi, ubwihisho, aho baremera inama cyangwa akagira ikindi abifashaho, ahanwa kimwe n'icyitso.

Ingingo ya 471: Ubwigomeke budahanwa

Bashobora kudahanirwa icyaha cy'ubwigomeke abari mu mitwe y'ubwigomeke badategeka cyangwa ngo bagiremo urundi ruhare, bakivanamo ku bwende bwabo cyangwa bakimara kuburirwa cyangwa kubitegekwa n'abategetsi

Article 469: Participation in seditious meeting or seditious group

Except in cases where the seditious meeting has an objective to result in an offence under Article 461 of this Organic Law, people who belong to the seditious groups mentioned in Articles 467 and 468 of this Organic Law who, without exercising any leadership or role, are caught on spot, shall be liable to a term of imprisonment for two (2) years to five (5) years.

Article 470: Providing accommodation or sanctuary to seditious groups

Any person who is aware of the purpose or character of a seditious group and provides accommodation, sanctuary, meeting venues or any other help to a group or its division shall be punishable as an accomplice.

Article 471: Non punishable seditious act

A person who previously belonged to a seditious group without exercising any leadership or role, and later voluntarily abandons or withdraws after the first warning or first summons by civil or military authorities, may not incur penalty.

du présent article.

Article 469: Participation à une réunion ou dans une bande séditeuse

Hors le cas où la réunion séditeuse a eu pour objet ou pour résultat l'infraction prévue à l'article 461 de la présente loi organique, les individus faisant partie des bandes visées aux articles 467 et 468 de la présente loi organique et qui sont saisis sur les lieux mais n'y exerçant aucun commandement ni emploi sont passibles d'un emprisonnement de deux (2) ans à cinq (5) ans.

Article 470: Fournir des logements ou cachettes aux bandes séditeuses

Toute personne qui, connaissant le but ou le caractère d'une bande séditeuse, fournit à cette dernière ou à ses divisions des logements, cachettes, lieux de réunion ou un secours quelconque, est punie comme complice.

Article 471: Sédition non punissable

Il ne peut être prononcé aucune peine du chef de sédition contre ceux qui, ayant fait partie des bandes séditeuses sans y exercer aucun commandement ni remplir aucun rôle, se sont retirés soit d'eux-mêmes, soit au

b'abasiviri cyangwa b'abasirikare.

Ni nako bigenda igihe abafatiwe ahatari muri iyo nama y'ubwigomeke, badateye amahane kandi badafite intwaro.

Bahanirwa icyakora ibyaha bindi bakoze ku bwabo.

Ingingo ya 472: Ibisobanuro by'amagambo "ubugande bwo kwivumbagatanya n' abashinzwe umutekano"

Kuvuga ubugande bwo kwivumbagatanya ni ukuvuga urugaga rw'abantu rugaragazwa n'igitero cyarwo kibasiye abantu n'ibintu, rukagaragazwa n'inkongi n'ubwangizi cyangwa ubusahuzi bugamije kwiganzura abategetsi bariho cyangwa gusenya ubutegetsi bwemewe.

Abashinzwe umutekano ni ukuvuga abakozi bose bubahiriza amategeko kandi barinda amahoro mu gihugu, mu izina rya Repubulika no ku ngufu zayo.

Ingingo ya 473: Kubangamira kurwanya ubugande bwo kwivumbagatanya

Abantu bose, mu gihe cy'ubugande bwo

If persons are caught outside a sedition meeting place without making any resistance and without arms, they may not incur penalty.

However, persons shall be punished for other offences which they committed personally.

Article 472: Definitions of terms "insurrection movement and Security forces"

An insurrection movement means a collective insurrection manifesting attack against persons and property, with fire, devastation or looting intended to overthrow the incumbent authorities or Government.

Security forces means all agents who ensure the enforcement and maintenance of law and order on behalf of Government.

Article 473: Obstructing the fight against an insurrection movement

All persons who during insurrection:

premier avertissement ou à la première sommation des autorités civiles ou militaires.

Il en est de même pour ceux qui sont saisis hors des lieux de la réunion séditeuse sans opposer de résistance et sans arme.

Ils sont néanmoins punis à raison d'autres infractions qu'ils auront personnellement commises.

Article 472: Définitions des termes : « mouvement insurrectionnel et force publique »

Par mouvement insurrectionnel, il faut entendre un mouvement collectif qui se manifeste par leur attentat aux personnes et aux biens, par l'incendie, la dévastation ou le pillage en vue de faire succomber les autorités ou de renverser le pouvoir établi.

Par force publique, il faut entendre l'ensemble des agents qui assurent par la force, au nom de la République, l'exécution des actes et le maintien de l'ordre public.

Article 473: Entrave à la lutte contre un mouvement insurrectionnel

Official Gazette n° Special of 14 June 2012

kwivumbagatanye baba:

1° ku bushake bwo gutera cyangwa kurwanya abashinzwe umutekano, bigaruriye intwaro cyangwa amasasu ku mugaragaro cyangwa rwihishwa;

2° babigiriye impamvu zimwe n'izivugwa mu gace ka 1° k'iki gika, bafashe ku ngufu cyangwa bigaruriye amazu ya Leta, cyangwa amazu atuwemo cyangwa adatuwemo, imihanda, ahagenewe igiterane cy'abantu cyangwa ahandi hantu hose;

3° bashyizeho, bashyirishije cyangwa bafashije gushyiraho cyangwa gushyirishaho inzitiro cyangwa inkomyi zindi zose, bagendereye gutambamira ubugobotsi bw'abashinzwe umutekano cyangwa kubuza abaturage gutambuka;

4° ku bw'igitugu cyangwa ibikangisho, babujije itumirwa cyangwa iterana by'abashinzwe umutekano;

5° basembuye cyangwa bafashije gukoranya ibyigomeke, babikoresheje ari agahato k'igitugu cyangwa ibikangisho, ari ugutanga amategeko cyangwa amatangazo, ari

1° in order to attack or resist security forces, carry apparent or hidden arms or ammunition;

2° for the same reasons as those under item 1° of this Paragraph, invade or occupy public buildings or houses whether inhabited or not, roads, public places or any other area;

3° put up, cause or help to put up barricades, retreats or any other obstacles with intent to hinder or stop intervention of security forces or to hinder movement of citizens;

4° hinder by violence or threats, the convening or meeting of security forces;

5° provoke or facilitate the meeting of insurgents either by means of violence or threats, or by giving orders or announcements, or by carrying flags or other symbols of rally, or any other

Toutes personnes qui, dans un mouvement insurrectionnel :

1° pour attaquer ou résister à la force publique, portent des armes ou munitions, apparentes ou cachées ;

2° pour les mêmes buts que ceux prévus au point 1° du présent alinéa, envahissent ou occupent des édifices publics ou des maisons habitées ou non habitées, des routes, des places publiques ou tout autre endroit ;

3° placent, font placer ou aident à placer ou faire placer des barricades, des retranchements, ou tous autres obstacles ayant pour but d'entraver ou d'arrêter l'intervention de la force publique ou la circulation des habitants ;

4° empêchent, à l'aide de violences ou de menaces, la convocation ou la réunion de la force publique ;

5° provoquent ou facilitent le rassemblement des insurgés, soit à l'aide de violence ou de menaces, soit par la distribution d'ordres ou de

Official Gazette n° Special of 14 June 2012

uguserukana amabendera cyangwa ibindi bimenyetso byo kwikoranya, ari ubundi buryo bwose bwo guhamagarana;	means of communication;	proclamations, soit par le port de drapeaux ou d'autres signes de ralliement, soit par tout autre moyen d'appel ;
ahanishwa igifungo kuva ku myaka makumyabiri (20) kugeza ku myaka makumyabiri n'itanu (25). shall be liable to a term of imprisonment of twenty (20) years to twenty five (25) years.

est passible d'un emprisonnement de vingt (20) ans à vingt cinq (25) ans.

Ingingo ya 505: Guhungabanya umutekano ku kibuga cy'indege

Article 505: Destabilisation of security at the airport

Article 505: Atteinte à la sécurité de l'aéroport

Umuntu wese ukoresha imbaraga cyangwa ukangisha gukoresha imbaraga ku kibuga cy'indege iyo ibyo bikorwa by'iterabwoba bivuyemo:

Any person who uses force or threatens to use force at the airport if terrorist acts result into:

Toute personne qui use ou menace d'user de la force à l'aéroport lorsque ces actes de terrorisme provoquent:

- | | | |
|--|---|---|
| 1° kwica umuntu cyangwa kumukomeretsa; | 1° death or injury to a person; | |
| 2° gusenya cyangwa kwangiza inyubako z'ikibuga cy'indege; | 2° demolition or destruction of buildings of an airport; | 1° la mort ou les blessures d'une personne ; |
| 3° guhagarika imirimo imwe n'imwe ishobora kugira ingaruka mbi ku migendekere myiza y'ikibuga; | 3° interruption of certain activities which may have negative consequences on the performance of the airport; | 2° la destruction ou la détérioration des installations d'un aéroport; |
| 4° guhungabanya umutekano w'ikibuga cy'indege n'inyubako; | 4° destabilisation of the security of the airport and its installations; | 3° l'interruption de certaines des activités susceptibles d'entraver les opérations normales de l'aéroport; |
| | | 4° l'atteinte à la sécurité de l'aéroport et |

ahanishwa igifungo kuva ku myaka makumyabiri (20) kugeza ku myaka makumyabiri n'itanu (25).

shall be liable to a term of imprisonment of twenty (20) years to twenty five (25) years.

de ses installations ;
est passible d'un emprisonnement de vingt (20) ans à vingt cinq (25) ans.

Ingingo ya 506: Gukoresha ingufu, iterabwoba hagamijwe kuyobya indege cyangwa gufata indege ku gahato

Article 506: Use of force, threats with intent to hijack or seizing control of an aircraft

Article 506: Usage de la force, menace dans l'intention de détourner ou de s'emparer du contrôle de l'aéronef

Umuntu wese ukoresha ingufu, iterabwoba cyangwa ufata indege ku gahato, agambiriye:

Any person who uses force, threats or hijacks an aircraft with intent to:

Toute personne qui recourt à l'usage de la force, à la menace ou s'empare du contrôle de l'aéronef, avec l'intention de :

1° kugira abantu bari mu ndege ingwate cyangwa imfungwa;

1° take hostage persons on board an aircraft;

1° prendre en otage les personnes à bord de l'aéronef;

2° gutwara abantu bari mu ndege ku gahato ahandi hantu hatari aho indege yari iteganiye kugwa;

2° transport persons aboard the aircraft by force to any place other than the next place of landing of the aircraft;

2° transporter, par force, les personnes à bord de l'aéronef vers tout endroit différent de la destination de l'aéronef ;

3° kugira umuntu ingwate kugira ngo hatangwe amafaranga cyangwa kumukoresha ibyo adashaka;

3° hold any person on board the aircraft for ransom or to do something against his/ her will;

3° détenir une personne à bord de l'aéronef contre rançon ou pour tout acte contre sa volonté ;

4° gutuma indege yerekeza aho itari yateganiye;

4° cause the aircraft to deviate from its flight path;

4° détourner l'aéronef de sa trajectoire de vol ;

5° kugerageza gukora cyangwa gufatanya n'umuntu ukora cyangwa ushaka gukora kimwe mu bikorwa byavuzwe mu ducekuva ku ka 1° kugeza ku ka 4° tw'iki gika;

5° attempt to commit, or be an accomplice to any person who commits or attempts to commit, any of the acts under items 1° to 4° of this Paragraph;

5° tenter de commettre, ou se rendre complice de toute personne qui commet ou tente de réaliser l'un des actes repris aux points 1° à 4° du

ahanishwa igifungo kuva ku myaka makumyabiri (20) kugeza kuri myaka makumyabiri n'itanu (25). shall be liable to a term of imprisonment of twenty (20) years to twenty five (25) years.

Ingingo ya 507: Gukoresha ibintu biturika cyangwa ikindi kintu gihumanya ahantu hakoresha na rubanda binyuranyije n'amategeko hagamijwe iterabwoba

Umuntu wese, agamije iterabwoba, utanga, utega, ujugunya cyangwa uturitsa intwara ziturika cyangwa ikindi kintu gihumanya, mu buryo bunyuranyije n'amategeko kandi yabigambiriye, ahantu hakoresha na rubanda cyangwa akahabangamira, akangiza inyubako za Leta n'ibindi bikorwa remezo agamije:

1° kwica cyangwa gukomeretsa;

2° kwangiza, gusenya ahantu, inyubako bigatuma iryo senya ritera igihombo gikomeye mu bukungu, mu mutungo w'abaturage cyangwa uwa Leta;

ahanishwa igifungo kuva ku myaka makumyabiri (20) kugeza ku myaka makumyabiri n'itanu (25). shall be liable to a term of imprisonment of twenty (20) years to twenty five (25) years.

Ingingo ya 508: Gufata bugwate

Umuntu wese ufata undi bugwate agamije

Article 507: Illegal use of explosives in a public place with intent to commit terrorism

Any person who intentionally gives, plants, throws or blasts an explosive or any other noxious substance in a public place, in an illegal manner or causes disorder in a public place and demolishes Government buildings and other infrastructure with an intention to

1° cause death or injury;

2° destroy, demolish a place or a building which may result into a significant economic, private or public property loss;

Article 508: Taking a person hostage

Any person who takes a person hostage with

présent alinéa ;
est passible d'un emprisonnement de vingt (20) ans à vingt cinq (25) ans.

Article 507: Utilisation illégale des explosifs dans un lieu public dans l'intention de commettre le terrorisme

Toute personne qui, de façon illégale et préméditée, donne, pose, lance ou détonne les explosifs ou un autre engin toxique, dans un lieu public ou qui y trouble l'ordre, endommage les édifices de l'Etat et les autres infrastructures dans l'intention de:

1° donner la mort ou blesser ;

2° endommager, détruire un endroit ou un édifice et ainsi occasionner des pertes graves en économie, en patrimoine privé ou public;

est passible d'un emprisonnement de vingt (20) ans à vingt cinq (25) ans.

Article 508: Prise d'otage

gukoresha ingufu kuri Leta, ku muryango mpuzamahanga cyangwa ku mutegetsi cyangwa undi muntu wese abashyiraho iterabwoba ryo kwica, gukomeretsa cyangwa gukomeza gufatira iyo ngwate, mu gihe batamuhaye cyangwa badakoze icyo asaba, ahanishwa igifungo kuva ku myaka cumi n'itanu (15) kugeza ku myaka makumyabiri (20).

Iyo uwafashwe bugwate bimuviriyemo urupfu, uwamufashe bugwate ahanishwa igifungo cya burundu.

Ingingo ya 509: Gukoresha iterabwoba ku muntu urinzwe ku rwego mpuzamahanga

Umuntu wese, akoresheje iterabwoba, ushimuta umuntu urinzwe ku rwego mpuzamahanga, ahanishwa igifungo kuva ku myaka makumyabiri (20) kugeza ku myaka makumyabiri n'itanu (25).

Umuntu wese, akoresheje iterabwoba, wica umuntu urinzwe ku rwego mpuzamahanga, ahanishwa igifungo cya burundu.

intention to use force against the State, international organization or a leader or any other person with a threat to kill, injure or continue to take hostage in case of failure to give or fulfill the demand by the hijacker shall be liable to a term of imprisonment of fifteen (15) years to twenty (20) years.

If taking a person hostage results into death, the hostage-taker shall be liable to life imprisonment.

Article 509: Terrorism against an internationally protected person

Any person who uses terrorism to kidnap an internationally protected person, shall be liable to a term of imprisonment of twenty (20) years to twenty five (25).

Any person who uses terrorism to kill an internationally protected person shall be liable to life imprisonment

Toute personne qui prend autrui en otage dans l'intention de contraindre l'Etat, une organisation internationale ou une autorité ou toute autre personne en menaçant de tuer, blesser ou de continuer à détenir l'otage s'ils ne donnent ou n'accomplissent pas ce qu'il demande, est passible d'un emprisonnement de quinze (15) ans à vingt (20) ans.

Lorsque la prise d'otage cause la mort à la victime, l'auteur est passible d'un emprisonnement à perpétuité.

Article 509: Terrorisme contre une personne jouissant d'une protection internationale

Toute personne qui, par terrorisme, enlève une personne jouissant d'une protection internationale est passible d'un emprisonnement de vingt (20) ans à vingt cinq (25) ans.

Toute personne qui, par terrorisme, tue une personne jouissant d'une protection internationale est passible d'un emprisonnement à perpétuité.

Ingingo ya 510: Kugaba igitero ku mudipolomate

Umuntu wese ugaba igitero cyangwa ubangamira ubwisanzure bw'umudipolomate, ahanishwa:

- 1° igifungo cya burundu, iyo icyo gitero cyateje urupfu;
- 2° igifungo kuva ku myaka cumi n'itanu (15) kugeza ku myaka makumyabiri (20), iyo icyo gitero cyateje ibikomere bikabije ku mubiri.

Ingingo ya 511: Gusenya inyubako hagamijwe iterabwoba

Umuntu wese usenya cyangwa wonona yabigambiriye mu bundi buryo hadakoreshejwe imbunda cyangwa intwaro ziturika, agamije iterabwoba, ahanishwa igifungo kuva ku myaka cumi n'itanu (15) kugeza ku myaka makumyabiri (20) iyo ari:

- 1° inyubako ya Leta, iy'umuntu wikorera cyangwa uburyo bwo gutwara abantu bw'umuntu urinzwe ku rwego mpuzamahanga;
- 2° indi nyubako yose ikoreshwa cyangwa yagombye kuba ikoreshwa n'umuntu

Article 510: Attacking a diplomat

Any person who attacks or undermines the freedom of a diplomat shall be liable to:

- 1° life imprisonment if the attack results into death;
- 2° a term of imprisonment of fifteen (15) years to twenty (20) years if the attack causes serious bodily injury.

Article 511: Demolishing buildings for the purpose of committing terrorism

Any person who willfully destroys or demolishes using means other than guns or bombs for the purpose of committing terrorism, shall be liable to a term of imprisonment of fifteen (15) years to twenty (20) years, in case of:

- 1° a public or private building or a means of transport of an internationally protected person;
- 2° any other building used or which should be used by an internationally protected

Article 510: Attaque contre un diplomate

Toute personne qui attaque ou porte atteinte à la liberté d'un diplomate est passible:

- 1° d'un emprisonnement à perpétuité si l'attaque a causé la mort ;
- 2° d'un emprisonnement de quinze (15) ans à vingt (20) ans lorsque l'attaque a causé les blessures corporelles graves.

Article 511: Destruction des édifices dans l'intention de commettre le terrorisme

Toute personne qui détruit ou endommage intentionnellement par des moyens autres que les fusils ou les engins explosifs dans l'intention de commettre le terrorisme, est passible d'un emprisonnement de quinze (15) ans à vingt (20) ans s'il s'agit:

- 1° d'un édifice public ou privé ou un moyen de transport d'une personne jouissant d'une protection internationale;
- 2° de tout autre édifice utilisé ou devant

urinzwe ku rwego mpuzamahanga
cyangwa umutungo we.

person or his/her property.

être utilisé par une personne jouissant
d'une protection internationale ou ses
biens.

Ingingo ya 512: Kwinjira mu nyubako ya Leta cyangwa iy'umudipolomate hagamijwe iterabwoba

Umuntu wese winjira, ugerageza kwinjira mu nzu cyangwa mu nyubako ikorwaho cyangwa ikorerwamo ibikorwa bya Leta cyangwa iy'umudipolomate, abishaka kandi anyuranyije n'amategeko, agamije gutera ubwoba, gukoresha ingufu, gukanga cyangwa gushyira ku nkeke, ahanishwa igifungo kuva ku myaka cumi n'itanu (15) kugeza ku myaka makumyabiri (20).

Article 512: Entering State or diplomat premises for the purpose of committing terrorism

Any person who deliberately and unlawfully enters or attempts to enter a house or premises used by or in which the Government or a diplomat operates, with an intention to threaten, use force, intimidate or harass, shall be liable to a term of imprisonment of fifteen (15) years to twenty (20) years.

Article 512: Entrer dans un édifice de l'Etat ou d'un diplomate dans l'intention de commettre le terrorisme

Toute personne qui entre, tente d'entrer dans une maison ou un édifice utilisé ou dans lequel s'exercent les services de l'Etat ou ceux d'un diplomate, délibérément et de façon illicite, avec l'intention de menacer, contraindre, intimider ou faire pression, est passible d'un emprisonnement de quinze (15) ans à vingt (20) ans.

Ingingo ya 513: Gutunga cyangwa gukora intwaro zihumanya hagamijwe iterabwoba

Umuntu wese, agamije iterabwoba, utunga intwaro zihumanya, inyandiko z'uburyo izo ntware zikora cyangwa zikorwaho, igikorwaho gifasha mu gukora izo ntware, ahanishwa igifungo kuva ku myaka icumi (10) kugeza ku myaka cumi n'itanu (15).

Article 513: Possession or manufacturing chemical weapons for the purpose of terrorism

Any person who possesses chemical weapons or documents on how they are used, materials used to manufacture weapons shall be liable to a term of imprisonment of ten (10) years to fifteen (15) years.

Article 513: Possession ou fabrication d'armes chimiques dans l'intention de commettre le terrorisme

Toute personne qui possède les armes chimiques, les écrits sur leur fonctionnement ou leur utilisation, la matière servant à leur fabrication est passible d'un emprisonnement de dix (10) ans à quinze (15) ans.

Umuntu wese ukora intwaro zihumanya, ugerageza kuzikora mu nganda agamije kubabaza bikomeye umubiri w'undi muntu, kwangiza umutungo cyangwa ibidukikije

Any person who makes chemical weapons or attempts to manufacture them in industries, for the purpose of causing serious bodily injuries to a person, destroying property or

Toute personne qui fabrique les armes chimiques ou tente de les fabriquer en industrie, avec pour objectif de porter

ahanishwa igifungo kuva ku myaka cumi n'itanu (15) kugeza ku myaka makumyabiri (20).

Ingingo ya 514: Gukoresha ibihumanya hagamijwe iterabwoba

Umuntu wese, agamije iterabwoba, wica, ubabaza umubiri w'undi muntu, wangiza umutungo cyangwa ibidukikije, ahanishwa igifungo kuva ku myaka icumi (10) kugeza ku myaka cumi n'itanu (15) iyo:

- 1° ashyize ubumara cyangwa ikintu icyo ari cyo cyose gifite ubumara ahantu;
- 2° yohereje ubumara cyangwa ikintu cyose kiva ahantu kijya ahandi akoresheje iposita, cyangwa ubundi buryo bwose bushoboka;
- 3° yumvisha umuntu aho ari ho hose ku isi ko ikintu ari ubumara cyangwa ko gifite ubumara cyangwa ikintu cyose gihumanya cyangwa se intwara ya kirimbuzi.

environment shall be liable to a term of imprisonment of fifteen (15) years to twenty (20) years.

Article 514: Use of chemicals for the purpose of terrorism

Any person who, for the purpose of terrorism, kills or causes bodily injury to another person, destroys property or environment shall be liable to a term of imprisonment of ten (10) years to fifteen (15) years if :

- 1° he/she puts a toxic substance or any other thing with toxic substance in a certain place;
- 2° he/she sends toxic substance or any other thing with toxic substance from one place to another by use of postal or any other means;
- 3° he/she convinces a person anywhere in the world that a thing is a toxic substance or contains toxic substance or any poisonous substance or is a nuclear weapon.

sérieusement atteinte au corps d'autrui, d'endommager le patrimoine ou l'environnement est passible d'un emprisonnement de quinze (15) ans à vingt (20) ans.

Article 514: Utilisation des produits chimiques dans l'intention de commettre le terrorisme

Toute personne qui, dans l'intention de commettre le terrorisme, donne la mort, fait des lésions corporelles à autrui, endommage un patrimoine ou l'environnement, est passible d'un emprisonnement de dix (10) ans à quinze (15) ans lorsque :

- 1° elle pose une substance toxique ou tout autre objet quelconque toxique dans un endroit;
- 2° elle envoie une substance toxique ou un autre objet toxique d'un lieu à un autre par poste ou par tout autre moyen possible;
- 3° elle fait comprendre à une personne partout où elle se trouve au monde qu'un objet est toxique, contient une substance toxique ou du poison ou est une arme nucléaire.

Ingingo ya 515: Gutanga amakuru atari yo ku iterabwoba

Umuntu wese utanga amakuru azi neza cyangwa yizera ko atari ukuri agamije kumvisha umuntu aho ari hose ku isi ko hari ubumara cyangwa ikintu gifite ubumara, gihumanya cyangwa se intwara ya kirimbuzi igomba kuba iri ahantu runaka, byaba ari mu gihe atanga ayo makuru cyangwa se nyuma yaho, ahanishwa igifungo kuva ku myaka icumi (10) kugeza ku myaka cumi n'itanu (15).

Ingingo ya 516: Ubugambanyi n'ibikangisho bigamije iterabwoba

Umuntu wese, agamije iterabwoba, ukoresha, ukangisha, ugerageza kugambana cyangwa ugambana kugira ngo hakoreshwe intwara za kirimbuzi anyuranyije n'amategeko kandi abigambiriye, ahanishwa igifungo kuva ku myaka cumi n'itanu (15) kugeza ku myaka makumyabiri (20) iyo:

- 1° yibasiye umwenehugu cyangwa umuntu uwo ari we wese uri mu gihugu;
- 2° yibasiye umutungo washatswe, ukodeshwa cyangwa ukoreshwa n'Igihugu, serivisi cyangwa ikigo cya Leta, uwo mutungo waba uri mu

Article 515: Providing false information on terrorism

Any person who provides information he/she knows or believes to be false to any person, anywhere in the world about a toxic substance, a thing with toxic or harmful substance or a nuclear weapon located in certain area during or after giving false information shall be liable to a term of imprisonment of ten (10) years to fifteen (15) years.

Article 516: Conspiracy and threats for the purpose of terrorism

Any person who unlawfully and intentionally uses, threatens, attempts to conspire or conspires to use nuclear weapons shall be liable to a term of imprisonment of fifteen (15) years to twenty (20) years if:

- 1° he/she attacks a citizen or any other person within the country;
- 2° he/she attacks acquired property, leased or used by the State, service or institution of the State, whether that property is within or outside the country.

Article 515: Fournir une fausse information sur le terrorisme

Toute personne qui fournit une information dont elle connaît ou croit l'inexactitude dans l'objectif de convaincre une personne où qu'elle se trouve dans le monde qu'un objet toxique ou contenant une substance toxique ou du poison ou une arme nucléaire se trouve dans un lieu déterminé soit au moment de divulgation de cette information soit après, est passible d'un emprisonnement de dix (10) ans à quinze (15) ans.

Article 516: Complot et menaces dans l'intention de commettre le terrorisme

Toute personne qui, intentionnellement et dans le but de commettre le terrorisme, fait usage, menace, tente de comploter ou qui comploter pour l'utilisation des armes nucléaires en violation de la loi et, est passible d'un emprisonnement de quinze (15) ans à vingt (20) ans lorsque :

- 1° elle vise un citoyen ou toute autre personne se trouvant à l'intérieur du pays ;
- 2° elle vise un patrimoine acquis, loué ou utilisé par l'Etat, par un service ou un établissement public, que le patrimoine

gihugu cyangwa hanze yacyo.

Ingingo ya 517: Ubugambanyi hanze y'igihugu

Umuntu wese ukoresha, ukangisha, ugerageza kugambana cyangwa ugambana kugira ngo hakoreshe intwari za kirimbuzi hanze y'igihugu, abigambiriyeye, ahanishwa igifungo kuva ku myaka cumi n'itanu (15) kugeza ku myaka makumyabiri (20).

Ingingo ya 518: Ubugambanyi no gushishikariza gukora iterabwoba

Umuntu wese ugambana, uhamagarira abandi gukora cyangwa ugerageza gukora kimwe mu bikorwa by'iterabwoba, iyo ubwo bugambanyi bukozwe mu buryo buziguye cyangwa butaziguye, ahanishwa igifungo kuva ku myaka makumyabiri (20) kugeza ku myaka makumyabiri n'itanu (25).

Ingingo ya 519: Kuyobya amato

Umuntu wese ufata cyangwa uyobya ubwato, akoresheje ingufu cyangwa yifashishije ibirwa, agamije igikorwa cy'iterabwoba, ahanishwa igifungo kuva ku myaka icumi (10) kugeza ku myaka cumi n'itanu (15).

Iyo uko kuyobya ubwato kwaviriyemo

Article 517: Conspiracy outside the country

Any person who, intentionally, uses, threatens to use, attempts to conspire or conspires to use nuclear weapons outside the country shall be liable to a term of imprisonment of fifteen (15) years to twenty (20) years.

Article 518: Conspiracy and incitement to commit terrorism

Any person, who conspires, mobilizes others to commit or attempts to commit any act of terrorism directly or indirectly shall be liable to a term of imprisonment of twenty (20) years to twenty five (25) years.

Article 519: Piracy of ships

Any person who stops a ship by force, commits piracy with respect to ships or uses an island as a base in order to commit an act of terrorism, shall be liable to a term of imprisonment of ten (10) years to fifteen (15) years.

If piracy causes death of a person, the

se trouve à l'intérieur ou à l'extérieur du pays.

Article 517: Complot à l'extérieur du pays

Toute personne qui, intentionnellement, fait usage, menace, tente de comploter ou comploter pour l'utilisation des armes nucléaires à l'extérieur du pays, est passible d'un emprisonnement de quinze (15) ans à vingt (20) ans.

Article 518: Complot et mobilisation au terrorisme

Toute personne qui comploter, mobilise les autres à commettre ou tente de commettre l'un des actes de terrorisme, lorsque ce complot est commis de façon indirecte ou directe, est passible d'un emprisonnement de vingt (20) ans à vingt cinq (25) ans.

Article 519: Piraterie des bateaux

Toute personne qui arrête de force ou détourne un bateau, ou qui se sert d'une île comme base pour mener un acte de terrorisme, est passible d'un emprisonnement de dix (10) ans à quinze (15) ans.

umuntu gupfa, uwabikoze ahanishwa igifungo cya burundu. offender shall be liable to life imprisonment.

Ingingo ya 520: Kwangiza ubwato

Umuntu wese wangiza ubwato agamije igikorwa cy'iterabwoba, ahanishwa igifungo kuva ku myaka icumi (10) kugeza ku myaka cumi n'itanu (15).

Iyo iryo yangiza ryaviriyemo umuntu gupfa, ahanishwa igifungo cya burundu.

Ingingo ya 521: Gutanga, kwakira cyangwa gushishikariza kwakira ibikomoka ku iterabwoba

Umuntu wese utanga cyangwa wakira amafaranga cyangwa undi mutungo, kandi akeka ko ushobora gukoreshwa cyangwa afite impamvu zumvikana zituma akeka ko wakoresha mu mpamvu z'iterabwoba, ahanishwa igifungo kuva ku myaka icumi (10) kugeza ku myaka cumi n'itanu (15).

Umuntu wese ushishikariza undi muntu gutanga cyangwa kwakira amafaranga cyangwa undi mutungo, kandi akeka ko ushobora gukoreshwa cyangwa se afite impamvu zumvikana zituma akeka ko wakoresha ku mpamvu z'iterabwoba,

Article 520: Damaging a ship

Any person who damages a ship for the purpose of terrorism shall be liable to a term of imprisonment of ten (10) years to fifteen (15) years.

If the damage causes death of a person, the offender shall be liable to life imprisonment.

Article 521: Donating, receiving, or inciting to receive proceeds of terrorism

Any person who donates or receives financial support or any other assets, he/she believes or has reason to believe that they can be used for terrorist purpose, shall be liable to a term of imprisonment of ten (10) years to fifteen (15) years.

Any person who incites another person to donate or receive financial support or any other assets, he/she believes or has reason to believe that they can be used for terrorist purpose shall be liable to a term of imprisonment of fifteen (15) years to twenty

Lorsqu'une telle piraterie a occasionné la mort d'une personne, le coupable est passible d'un emprisonnement à perpétuité.

Article 520: Endommager un bateau

Toute personne qui endommage un bateau en vue d'un acte de terrorisme est passible d'un emprisonnement de dix (10) ans à quinze (15) ans.

Si le dommage causé au bateau a occasionné la mort d'une personne, l'auteur est passible d'un emprisonnement à perpétuité.

Article 521: Réception, offre ou sensibilisation à la réception du produit du terrorisme

Toute personne qui offre ou reçoit des fonds ou tout autre bien, alors qu'elle croit ou a des raisons fondées de croire qu'ils peuvent être utilisés à des fins terroristes, est passible d'un emprisonnement de dix (10) ans à quinze (15) ans.

Toute personne qui sensibilise une autre personne à offrir ou à recevoir des fonds ou tout autre bien, alors qu'elle croit ou a des raisons fondées de croire qu'ils vont servir à des fins terroristes, est passible d'un

ahanishwa igifungo kuva ku myaka cumi n'itanu (15) kugeza ku myaka makumyabiri (20).

Ingingo ya 522: Gukora amasezerano yo gufasha mu iterabwoba

Umuntu wese ukora cyangwa ufite inyungu mu masezerano agamije gutuma haboneka amafaranga, undi mutungo cyangwa se gutuma hari undi ubona ayo mafaranga cyangwa inkunga, kandi azi cyangwa afite impamvu zumvikana zituma akeka ko uzakoreshwa cyangwa ushobora gukoreshwa ku mpamvu z'iterabwoba, ahanishwa igifungo kuva ku myaka cumi n'itanu (15) kugeza ku myaka makumyabiri (20).

Ingingo ya 523: Iyezandonke mu bikorwa by'iterabwoba

Umuntu wese ukora igikorwa kigamije gufasha undi muntu kubona iyezandonke ku mutungo w'umuntu ukora iterabwoba cyangwa ushobora gukora iterabwoba, hakoreshejwe guhisha umutungo, kuwimura uwuvana ku bundi butaka, kuwimurira ku bandi bantu cyangwa mu bundi buryo ubwo ari bwo bwose bufitanye isano n'ubwavuzwe haruguru, ahanishwa igifungo kuva ku myaka icumi (10) kugeza ku myaka cumi n'itanu (15).

(20) years.

Article 522: Making an agreement to support terrorism

Any person who knowingly makes an agreement or has an interest in it in order to acquire funds or any other assets, or enables a person to acquire money or support, having reason to believe that they can be used for terrorist purpose, shall be liable to a term of imprisonment of fifteen (15) years to twenty (20) years.

Article 523: Money laundering activities in terrorism

Any person who facilitates another person to benefit from laundered property of a terrorist or of someone who may be a terrorist, by concealing, shifting from one place to another, transferring to other people the property or by any other related way shall be liable to a term of imprisonment of ten (10) years to fifteen (15) years.

emprisonnement de quinze (15) ans à vingt (20) ans.

Article 522: Conclure un contrat pour soutenir le terrorisme

Toute personne, contractant ou bénéficiaire du contrat ayant pour objet l'obtention de fonds ou d'autres biens ou leur transfert à un tiers, alors qu'elle sait ou a des raisons fondées de croire qu'ils vont servir à de fins terroristes, est passible d'un emprisonnement de quinze (15) ans à vingt (20) ans.

Article 523: Blanchiment d'argent dans les activités du terrorisme

Toute personne qui facilite autrui à avoir une part sur les biens blanchis d'un terroriste ou d'une personne soupçonnée de terroriste, en recourant à la dissimulation, au transfert d'une place à une autre de ce bien ou en usant de tout autre moyen similaire, est passible d'un emprisonnement de dix (10) ans à quinze (15) ans.

Ingingo ya 524: Iterabwoba ku nyungu za politiki

Umuntu wese ukora igikorwa cy'iterabwoba ku nyungu za politiki, agamije gutuma inzego z'ubutegetsi za Leta zihindura imikorere yazo, ahanishwa igifungo kuva ku myaka cumi n'itanu (15) kugeza ku myaka makumyabiri (20).

Iyo icyo gikorwa cy'iterabwoba cyateje urupfu rw'umuntu, uwabikoze ahanishwa igifungo cya burundu.

Ingingo ya 525: Iterabwoba ku nyungu z'idini cyangwa iz'indi ngengabitekerezo

Umuntu wese, ubigambiriye, ukora igikorwa cy'iterabwoba ku nyungu z'idini cyangwa z'indi ngengabitekerezo iyo ariyo yose, ahanishwa igifungo kuva ku myaka icumi (10) kugeza ku myaka cumi n'itanu (15).

Iyo icyo gikorwa cyaviriyemo umuntu umwe cyangwa benshi gupfa cyangwa kwangirika kw'ibikorwa remezo, uwabikoze ahanishwa igifungo cya burundu cy'umwihariko.

Article 524: Terrorism for political purposes

Any person who commits terrorism for political purposes, with intent to cause public organs to change their functioning shall be liable to a term of imprisonment of fifteen (15) years to twenty (20) years.

If the terrorist act causes death of a person, the offender shall be liable to life imprisonment.

Article 525: Terrorism for religious or any other ideological purposes

Any person who intentionally commits terrorism for religious or any other ideological purposes shall be liable to a term of imprisonment of ten (10) years to fifteen (15) years.

If the terrorist act causes death of one or more persons or damages infrastructure, the offender shall be liable to life imprisonment with special provisions.

Article 524: Terrorisme pour des raisons politiques

Toute personne qui commet un acte de terrorisme pour des raisons politiques, dans l'intention de causer le changement dans le fonctionnement des institutions publiques, est passible d'un emprisonnement de quinze (15) ans à vingt (20) ans.

Lorsqu'un tel acte de terrorisme a occasionné la mort d'une personne, l'auteur est passible d'un emprisonnement à perpétuité.

Article 525: Terrorisme pour des raisons religieuses ou pour d'autres idéologies

Toute personne qui, intentionnellement, commet un acte de terrorisme pour des raisons religieuses ou de toute autre idéologie, est passible d'un emprisonnement de dix (10) ans à quinze (15) ans.

Lorsqu'un tel acte a occasionné la mort d'une ou plusieurs personnes, ou des dégâts aux infrastructures, l'auteur est passible d'une réclusion criminelle à perpétuité.

Ingingo ya 526: Kubangamira irindwa ry'ibimenyetso n'itangwa ry'amakuru ku iterabwoba

Umuntu wese utubahiriza amabwiriza areba ahantu hagoswe, azi ko bigamije kurinda ibimenyetso cyangwa ushyize igitutu ku muntu amubuza gutanga amakuru yafasha kubona ibimenyetso ku gikorwa cy'iterabwoba, ahanishwa igifungo kuva ku myaka irindwi (7) kugeza ku myaka icumi (10).

Ingingo ya 527: Isubiracyaha ku bikorwa by'iterabwoba

Isubiracyaha ku bikorwa by'iterabwoba byateje urupfu rw'umuntu, rihanishwa igifungo cya burundu cy'umwihariko.

Ingingo ya 528: Impamvu nyoroshyacyaha

Ibihano biteganyijwe ku byaha bivugwa muri iki cyiciro bishobora kugabanywa iyo ukurikiranyweho icyaha atanze amakuru atashoboraga kuboneka ku bundi buryo, afasha gukumira cyangwa kugabanya ingaruka z'icyaha, kumenya cyangwa gushyikiriza inkiko uwakoze icyaha, kubona ibimenyetso cyangwa gukumira icyaha

Article 526: Obstructing with the protection of evidence of the crime scene of terrorism

Any person who knowingly does not respect instructions relating to an area cordoned for the purpose of evidence protection or asserts pressure on another person preventing him/her from providing information about terrorism shall be liable to a term of imprisonment of seven (7) years to ten (10) years.

Article 527: Recidivism of terrorist acts

Recidivism of terrorist acts resulting in death of a person shall be liable to life imprisonment with special provisions.

Article 528: Mitigating circumstances

Penalties provided for offences mentioned under this Section may be reduced if the accused provides information which would have been inaccessible by other means that help to prevent or reduce the effects of the offence, to identify or take the offender to courts, to obtain evidence or to prevent terrorism crime.

Article 526: Entrave à la protection des preuves relatives au terrorisme

Toute personne qui, sciemment, ne respecte pas les instructions relatives au lieu encerclé en vue de la protection des preuves ou ayant exercé une pression sur une personne en l'empêchant de fournir des informations susceptibles d'éclairer sur un acte de terrorisme est passible d'un emprisonnement de sept (7) ans à dix (10) ans.

Article 527: Récidive en cas de terrorisme

La récidive des actes de terrorisme ayant causé la mort d'une personne est passible de la réclusion criminelle à perpétuité.

Article 528 : Circonstances atténuantes

Les peines prévues pour les infractions prévues dans la présente section peuvent être atténuées lorsque la personne poursuivie fournit des informations qui ne pouvaient être tirées d'aucune autre source et qui contribuent à la prévention ou à la limitation des conséquences de l'infraction, à l'identification ou à la dénonciation de

cy'iterabwoba.

UMUTWE WA II: IBYAHA BIHUNGABANYA UBUTEGETSI

Icyiciro cya mbere: Ubwigomeke

Ingingo ya 529: Igisobanuro cy'ubwigomeke

Ubwigomeke ni ukurwanya ku buryo ubwo ari bwo bwose, kunanirana bya kiboko, gusagarira cyangwa iterabwoba bikorewe abayobozi cyangwa abakozi ba Leta cyangwa abikorera, abashinzwe umutekano mu gihe bubahiriza amategeko, amabwiriza, ibyemezo by'ubutegetsi n'ianza zaciwe.

Ingingo ya 530: Ihanwa ry'ubwigomeke

Bitabangamiye ibihano birushijeho gukomera byateganyirijwe ibyaha bihungabanya umudendezo wa Leta bivugwa mu Mutwe wa mbere w'Interuro ya III y'iri tegeko ngenga, ubwigomeke buhanishwa :

- 1° igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku myaka ibiri (2), iyo bwagizwe n'umuntu umwe udafite intwari;
- 2° igifungo kuva ku myaka ibiri (2)

CHAPTER II: OFFENCES AGAINST THE GOVERNMENT

Section One: Rebellion

Article 529: Definition of rebellion

A rebellion is any attack and resistance with violence, assault or threats to authorities, civil servants, and private sector employees, security agents enforcing the laws, regulations, administrative instructions and judgments.

Article 530: Penalty for rebellion

Without prejudice to severe penalties under offences against national security mentioned under Chapter One of Title III of this Organic Law, rebellion shall be punishable by:

- 1° a term of imprisonment of six (6) months to two (2) years if committed by an unarmed person;
- 2° a term of imprisonment of two (2)

l'auteur devant les juridictions, à l'accès aux preuves ou à la prévention du terrorisme.

CHAPITRE II: INFRACTIONS CONTRE L'ORDRE PUBLIC

Section première: Rébellion

Article 529: Définition de la rébellion

La rébellion est toute attaque, toute résistance avec violence, voies de fait ou menaces envers les autorités ou agents de l'Etat, du secteur privé, des agents de la force publique agissant pour l'exécution des lois, des règlements, des instructions administratives et des jugements.

Article 530: Peine pour rébellion

Sans préjudice des peines plus sévères prévues pour les infractions contre la sûreté de l'Etat reprises au Chapitre premier du Titre III de la présente loi organique, la rébellion est punissable:

- 1° d'un emprisonnement de six (6) mois à deux (2) ans si elle est commise par une personne sans arme ;

kugeza ku myaka itanu (5), iyo bwagizwe n'umuntu umwe ufite intwaro;

3° igifungo kuva ku mwaka umwe (1) kugeza ku myaka itatu (3), iyo bwagizwe n'abantu benshi badafite intwaro kandi batabanje kubijyamo inama. Iyo babigiriye inama igifungo kiba kuva ku mwaka umwe (1) kugeza ku myaka itanu (5);

4° igifungo kuva ku myaka itatu (3) kugeza ku myaka itanu (5) iyo bwagizwe n'abantu benshi bafite intwaro ariko batabanje kubijyamo inama, iyo byagiriye inama, igifungo kiba kirenze imyaka itanu (5) kugeza ku myaka icumi (10).

Igihano ntarengwa gishobora guhabwa uwatanze amabwiriza cyangwa uwasembuye ukwigomeka.

Ingingo ya 531: Gusonerwa ibihano ku cyaha cy'ubwigomeke

Ingingo ya 530 y'iri tegeko ngenga ntireba uwigometse atari mu buyobozi iyo aretse ibyo bikorwa akimara kubisabwa n'ubuyobozi.

years to five (5) years if committed by one person carrying an arm;

3° a term of imprisonment of one (1) year to three (3) years if committed by several unarmed persons and without prior consultation. If there is prior consultation the imprisonment shall be one (1) year to five (5) years;

4° a term of imprisonment of three (3) years to five (5) years, if committed by several armed persons but without prior consultation. If there is consultation, the imprisonment shall be more than five (5) years to ten (10) years.

If the accused occupies a position of command in the rebellion or trigger it the maximum penalty may be imposed.

Article 531: Exemption from penalties for rebellion

Article 530 of this Organic Law does not apply to a rebel who does not occupy a position of command in the rebellion who withdraws after the first warning from the authority.

2° d'un emprisonnement de deux (2) ans à cinq (5) ans, si elle est commise par une personne munie d'arme ;

3° d'un emprisonnement d'un (1) an à trois (3) ans, si elle est commise par plusieurs personnes sans arme et sans concert préalable. S'il y a concert préalable, l'emprisonnement est d'un (1) an à cinq (5) ans ;

4° d'un emprisonnement de trois (3) ans à cinq (5) ans, si elle est commise par plusieurs personnes munies d'armes mais sans concert préalable. S'il y a concert préalable, l'emprisonnement est de plus de cinq (5) ans à dix ans (10).

Le maximum de la peine peut être prononcé si le coupable a donné des ordres dans la rébellion ou l'a déclenchée.

Article 531: Exonération de peines en cas de rébellion

L'article 530 de la présente loi organique ne s'applique pas à un rebelle sans poste de commandement dans la bande qui se retire au premier avertissement de l'autorité.

Ingingo ya 532: Gusuzugura ibendera cyangwa ibimenyetso biranga ubwigenge

Umuntu wese, ku mugaragaro kandi abigambiriye, usuzugura, upfobya, ukuraho, wonona cyangwa wandagaza ibendera cyangwa ibimenyetso biranga ubwigenge bwa Repubulika y'u Rwanda, ahanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku mwaka umwe (1) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi magana abiri (200.000) kugeza kuri miliyoni imwe (1.000.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Ingingo ya 533: Gukoresha ibendera ry'Igihugu mu buryo bunyuranyije n'amategeko

Umuntu wese ukoresha, abigambiriye, ibendera ry'Igihugu mu buryo bunyuranyije n'amategeko, ahanishwa igifungo kuva ku kwezi kumwe (1) ariko kitageze ku mezi atandatu (6) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi ijana (100.000) kugeza ku bihumbi magana atanu (500.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Article 532: Contempt of the national flag or official emblems of the sovereignty of the Republic

Any person who, publicly and intentionally, contempts, despises, removes, destroys or desecrates the national flag or official emblems of the sovereignty of the Republic of Rwanda, shall be liable to a term of imprisonment of six (6) months to one (1) year and a fine of two hundred thousand (200,000) to one million (1,000,000) Rwandan francs, or one of these penalties.

Article 533: Unlawful use of the national flag

Any person who knowingly illegally uses the national flag shall be liable to a term of imprisonment of one (1) month but less than six (6) months and a fine of one hundred thousand (100,000) to five hundred thousand (500,000) Rwandan francs or one of these penalties.

Article 532: Mépris du drapeau national ou des insignes officiels de souveraineté

Toute personne qui, publiquement et intentionnellement, méprise, minimise, enlève, détruit ou outrage le drapeau ou les insignes officiels de souveraineté de la République du Rwanda, est passible d'un emprisonnement de six (6) mois à un (1) an et d'une amende de deux cent mille (200.000) à un million (1.000.000) de francs rwandais ou de l'une de ces peines seulement.

Article 533: Utilisation illégale du drapeau national

Toute personne qui, délibérément, utilise illégalement le drapeau national est passible d'un emprisonnement de un (1) mois mais inférieur à six (6) mois et d'une amende de cent mille (100.000) à cinq cent mille (500.000) francs rwandais ou de l'une de ces peines seulement.

Ingingo ya 534: Gukoresha irindi bendera uryitirira ibendera ry'Igihugu

Umuntu wese ukoresha irindi bendera ahanishwa ibendera ry'Igihugu, ahanishwa igifungo kuva ku mwaka umwe (1) kugeza ku myaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi magana abiri (200.000) kugeza ku bihumbi magana atanu (500.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Ingingo ya 535: Gusuzugura cyangwa gupfobya indirimbo y'Igihugu

Umuntu wese usuzugura, abigambiriye, cyangwa upfobya indirimbo y'Igihugu, ahanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku mwaka umwe (1) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi magana abiri (200.000) kugeza kuri miliyoni imwe (1.000.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Ingingo ya 536: Guhindura ubigambiriye amagambo cyangwa amanota y'Indirimbo y'Igihugu

Umuntu wese uhindura, abigambiriye, amagambo cyangwa amanota y'Indirimbo y'Igihugu, ahanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku mwaka umwe (1)

Article 534: Use of another flag pretending to be the national flag

Any person who uses another flag pretending to be the national flag shall be liable to a term of imprisonment of one (1) year to two (2) years and a fine of two hundred thousand (200,000) to five hundred thousand (500,000) Rwandan francs or one of these penalties.

Article 535: Disrespecting or desecrating the National Anthem

Any person who knowingly disrespects or desecrates the National Anthem shall be liable to a term of imprisonment of six (6) months to one (1) year and a fine of two hundred thousand (200,000) to one million (1,000,000) Rwandan francs or one of these penalties.

Article 536: Intentional change of text or notes of the National Anthem

Any person who intentionally changes text or notes of the National Anthem shall be liable to a term of imprisonment of six (6) months to one (1) year and a fine of two hundred

Article 534: Utilisation d' un autre drapeau en le faisant passer pour le drapeau national

Toute personne qui utilise un autre drapeau en le faisant passer pour le drapeau national est passible d'un emprisonnement d'un (1) an à deux (2) ans et d'une amende de deux cent mille (200.000) à cinq cent mille (500.000) francs rwandais ou de l'une de ces peines seulement.

Article 535: Manque de respect ou profanation de l'hymne national

Toute personne qui ne respecte pas ou profane délibérément l'Hymne National, est passible d'un emprisonnement de six (6) mois à un (1) an et d'une amende de deux cent mille (200.000) à un million (1.000.000) de francs rwandais ou de l'une de ces peines seulement.

Article 536: Altérer délibérément le texte ou les notes de l'hymne national

Toute personne qui, délibérément, altère le texte ou les notes de l'hymne national est passible d'un emprisonnement de six (6)

n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi magana abiri (200.000) kugeza kuri miliyoni imwe (1.000.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Ingingo ya 537: Kuririmba indirimbo iyo ari yo yose uyitirira iy'Igihugu

Umuntu wese uririmba indi ndirimbo iyo ari yo yose ayitirira iy'Igihugu, ahanishwa igifungo kuva ku mwaka umwe (1) kugeza ku myaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi magana atanu (500.000) kugeza kuri miliyoni ebyiri (2.000.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Ingingo ya 538: Gusuzugura ibimenyetso by'umurimo

Umuntu wese usuzugura ibimenyetso by'umurimo byashyizweho n'ubuyobozi kugira ngo birange umwanya umuntu ashinzwe, gusuzugurainyandiko cyangwa ibindi bintu bitangirwa kubahiriza amategeko cyangwa ubuyobozi, ahanishwa igifungo kuva ku kwezi kumwe (1) ariko kitageze ku mezi atandatu (6) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi mironko itanu (50.000) kugeza ku bihumbi magana atanu (500.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

thousand (200,000) to one million (1,000,000) Rwandan francs or one of these penalties.

Article 537: Singing any other song by pretending it to be the National Anthem

Any person who sings any other song by pretending it to be the National Anthem shall be liable to a term of imprisonment of one (1) year to two (2) years and a fine of five hundred thousand (500,000) to two million (2,000,000) Rwandan francs or one of these penalties.

Article 538: Contempt of insignia

Any person who contempts insignia recognized by the authority to show the existence of an official position, documents, objects handed out to comply with laws or administration shall be liable to a term of imprisonment of one (1) month but less than six (6) months and a fine of fifty thousand (50,000) to five hundred thousand (500,000) Rwandan francs or one of these penalties.

mois à un (1) an et d'une amende de deux cent mille (200.000) à un million (1.000.000) de francs rwandais ou de l'une de ces peines seulement.

Article 537: Chanter toute autre chanson en la faisant passer pour l'hymne national

Toute personne qui chante toute autre chanson en la faisant passer pour l'hymne national est passible d'un emprisonnement d'un (1) an à deux (2) ans et d'une amende de cinq cent mille (500.000) à deux millions (2,000.000) de francs rwandais ou de l'une de ces peines seulement.

Article 538: Mépris à l'égard des insignes

Toute personne qui méprise les insignes adoptés par l'autorité pour révéler l'existence d'un mandat public ou des documents ou objets remis dans le cadre d'assurer le respect des lois ou de l'administration est passible d'un emprisonnement de un (1) mois mais inférieur à six (6) mois et d'une amende de cinquante mille (50.000) à cinq cent mille (500.000) francs rwandais ou de l'une de ces peines seulement.

Icyiciro cya 2: Gukoza isoni no gusagarira abayobozi n'abashinzwe umutekano

Ingingo ya 539: Gukoza isoni abayobozi b'igihugu n'abashinzwe umurimo rusange w'igihugu

Umuntu wese ukoza isoni mu magambo, mu bimenyetso cyangwa ibikangisho, inyandiko cyangwa ibishushanyo, umwe mu bagize Inteko Ishinga Amategeko mu gihe akora umurimo yatorewe cyangwa biturutse kuri uwo murimo, umwe mu bagize Guverinoma, abashinzwe umutekano cyangwa undi wese ushinzwe umurimo rusange w'igihugu mu gihe akora umurimo ashinzwe cyangwa ari wo biturutseho, ahanishwa igifungo kuva mwaka umwe (1) kugeza ku myaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi mirongo itanu (50.000) kugeza ku bihumbi magana atanu (500.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano .

Niba gukoza isoni byabereye mu nama y'Inteko Ishinga Amategeko cyangwa byakorewe umwe mu bayobozi bakuru b'igihugu, ibihano biteganyijwe mu gika cya mbere cy'iyi ngingo byikuba kabiri.

Section 2: Contempt and violence against authorities and public security officers

Article 539: Contempt of administrative authorities and persons in charge of public service

Any person who contempts verbally, by gestures or threats, in writing or caricaturing a member of Parliament, a member of the Cabinet, security officers or any other person in charge of a public service, in the exercise or at the occasion of his/her mandate, shall be liable to a term of imprisonment of one (1) year to two (2) years and a fine of fifty thousand (50,000) to five hundred thousand (500,000) Rwandan francs or one of these penalties.

If contempt act takes place during a session of the Parliament or if it is directed to any of the top ranking authorities, the penalties under Paragraph One of this Article shall be doubled.

Section 2: Outrages et violences envers les dépositaires de l'autorité et des agents de la force publique

Article 539: Outrage envers les autorités administratives et agents du service public

Toute personne qui outrage par paroles, gestes ou menaces, écrits ou caricatures, un membre du Parlement dans l'exercice ou à l'occasion de l'exercice de son mandat, un membre du Gouvernement, les agents de sécurité ou toute autre personne chargée d'un service public dans l'exercice ou à l'occasion de ses fonctions, est passible d'un emprisonnement d'un (1) an à deux (2) ans et d'une amende de cinquante mille (50.000) à cinq cent mille (500.000) francs rwandais ou de l'une de ces peines seulement.

Si l'outrage a lieu pendant la séance du Parlement ou s'il est commis envers l'une des hautes autorités du pays, les peines prévues à l'alinéa premier du présent article sont portées au double.

Ingingo ya 540: Urugomo rukorewe abayobozi b'igihugu

Umuntu wese ukubita cyangwa ugirira urugomo urwo ari rwo rwose umwe mu bantu bavuzwe mu ngingoya 539 y'iri tegeko ngenga, mu gihe akora umurimo ashinzwe cyangwa ari wo biturutseho ahanishwa igifungo kuva ku myaka itatu (3) kugeza ku myaka itanu (5).

Iyo gukubita byateye ibikomere, uwakoze icyaha ahanishwa igifungo kirenze imyaka itanu (5) kugeza ku myaka irindwi (7).

Iyo urwo rugomo rwakozwe byagambiriwe cyangwa rwategewe igico, uwakoze icyaha ahanishwa igifungo kuva ku myaka irindwi (7) kugeza ku myaka icumi (10).

Iyo urwo rugomo rwakozwe rugamije kwica, uwakoze icyaha ahanishwa igifungo cya burundu.

Ingingo ya 541: Urugomo cyangwa ubusagarire bigiriwe Perezida wa Repubulika

Umuntu wese ugirira urugomo cyangwa usagarira Perezida wa Repubulika, iyo urwo rugomo cyangwa gusagarira bitavushije

